# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup*

## A. Itegeko Ngenga / Organic Law / Loi Organique

**N° 11/2013/0L ryo kuwa 11/09/2013**
Itegeko Ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta………………………………………...2
**N° 11/2013/0L of 11/09/2013**
Organic Law modifying and complementing the Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct………………………………………………………...2
**N° 11/2013/0L du 11/09/2013**
Loi Organique modifiant et complétant la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des Autorités des Institutions Publiques…………………………………….2

## B. Amategeko / Laws / Lois

**Nº 74/2013 ryo kuwa 11/09/2013**
Itegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti, rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo………………………………………………...17
**N° 74/2013 of 11/09/2013**
Law establishing Rwanda Food and Medicines Authority and determining its mission, organisation and functioning……………………………………………………………17
**Nº 74/2013 du 11/09/2013**
Loi portant création de l'Office Rwandais des produits alimentaires et pharmaceutiques et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement…………………………17

**N° 84/2013 ryo kuwa 11/09/2013**
Itegeko ryerekeye icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano na yo……………………………………………………………………………………………..32
**N° 84/2013 of 11/09/2013**
Law on the crime of genocide ideology and other related offences…………………………32
**Nº 84/2013 du 11/09/2013**
Loi relative au crime d'idéologie du génocide et autres infractions connexes………………32

**ITEGEKO NGENGA N° 11/2013/0L RYO KUWA 11/09/2013 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO NGENGA Nº 61/2008 RYO KU WA 10/09/2008 RIGENA IMYITWARIRE Y'ABAYOBOZI MU NZEGO ZA LETA**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Abo iri Tegeko Ngenga rireba**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Imyitwarire myiza y'umuyobozi**

**Ingingo ya 4: Ibyo umuyobozi abujijwe**

**Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'ingingo ya 9 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta**

**Ingingo ya 6: Amasezerano umuyobozi atemerewe**

**Ingingo ya 7: Imicungire y'amasezerano asanzweho**

**Ingingo ya 8: Imirimo ibujijwe Umuyobozi**

**Ingingo ya 9 : Ivanwaho ry'ingingo ya 15 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi**

**ORGANIC LAW N° 11/2013/0L OF 11/09/2013 MODIFYING AND COMPLEMENTING THE ORGANIC LAW Nº 61/2008 OF 10/09/2008 ON THE LEADERSHIP CODE OF CONDUCT**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article one: Scope of this Organic Law**

**Article 2: Definition of terms**

**Article 3: Good conduct of a leader**

**Article 4: Acts prohibited to a leader**

**Article 5: Repealing of Article 9 of Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct**

**Article 6: Agreements prohibited to a leader**

**Article 7: Management of existing contracts**

**Article 8: Prohibited activities to a leader**

**Article 9: Repealing of Article 15 of Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct**

**LOI ORGANIQUE N° 11/2013/0L DU 11/09/2013 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI ORGANIQUE Nº 61/2008 DU 10/09/2008 PORTANT CODE DE CONDUITE DES AUTORITES DES INSTITUTIONS PUBLIQUES**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Champ d'application de la présente Loi Organique**

**Article 2 : Définitions des termes**

**Article 3: Bonne conduite pour une autorité**

**Article 4 : Actes interdits à une autorité**

**Article 5 : Abrogation de l'article 9 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques**

**Article 6: Contrats interdits à une autorité**

**Article 7: Gestion des contrats existants**

**Article 8: Activités interdites à une autorité**

**Article 9: Abrogation de l'article 15 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités**

**mu nzego za Leta**

**Ingingo ya 10: Indi mirimo itabangikanywa n'imirimo y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 11: Ivanwaho ry'ingingo ya 33 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta**

**Ingingo ya 12: Itegurwa, isuzuma n'itorwa by'iri tegeko ngenga**

**Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri Tegeko Ngenga**

**Ingingo ya 14: Igihe Itegeko Ngenga ritangira gukurikizwa**

**Article 10: Other incompatibilities with the duties of a leader**

**Article 11: Repealing of Article 33 of Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct**

**Article 12: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law**

**Article 13: Repealing provision**

**Article 14: Commencement**

**des institutions publiques**

**Article 10 : Autres incompatibilités avec les fonctions d'autorité**

**Article 11: Abrogation de l'article 33 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques**

**Article 12: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique**

**Article 13 : Disposition abrogatoire**

**Article 14: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO NGENGA N° 11/2013/0L RYO KUWA 11/09/2013 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO NGENGA Nº 61/2008 RYO KUWA 10/09/2008 RIGENA IMYITWARIRE Y'ABAYOBOZI MU NZEGO ZA LETA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 02 Kanama 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 30 Nyakanga 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 32, iya 45, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 118, iya 122 n'iya 201;

**ORGANIC LAW N° 11/2013/0L OF 11/09/2013 MODIFYING AND COMPLEMENTING THE ORGANIC LAW Nº 61/2008 OF 10/09/2008 ON THE LEADERSHIP CODE OF CONDUCT**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 02 August 2013;

The Chamber of Senate, in its session of 30 July 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 32, 45, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 118, 122 and 201;

**LOI ORGANIQUE N° 11/2013/0L DU 11/09/2013 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI ORGANIQUE Nº 61/2008 DU 10/09/2008 PORTANT CODE DE CONDUITE DES AUTORITES DES INSTITUTIONS PUBLIQUES**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 02 août 2013;

La Chambre du Sénat, en sa séance du 30 juillet 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 32, 45, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 118, 122 et 201;

Isubiye ku Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 2, iya 3, iya 6, iya 8, iya 9, iya 13, iya 14, iya 15, iya 17 n'iya 33;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya mbere: Abo iri Tegeko Ngenga rireba**

Ingingo ya 2 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

«Iri tegeko ngenga rigenga Abayobozi b'Ikirenga n'Abayobozi bakuru bavugwa mu ngingo yaryo ya 2, agace ka 2º n'aka 3° tw'igika cyayo cya mbere».

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Ingingo ya 3 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

**«** Muri iri tegeko ngenga, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **Umuyobozi:** umuntu ukorera Leta wo mu rwego Nshingamategeko,

Having reviewed Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct especially in Articles 2, 3, 6, 8, 9, 13,14, 15, 17 and 33;

**ADOPTS:**

**Article one: Scope of this Organic Law**

Article 2 of Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct is modified and complemented as follows:

« This Organic Law shall apply to high ranking leaders and senior officials mentioned in Article 2, items 2° and 3° of Paragraph One».

**Article 2: Definition of terms**

Article 3 of Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct is modified and complemented as follows :

"For the purpose of this Organic Law, the following terms shall have the following meanings:

1° **leader**: any public employee holding or acting in any offices of the Legislature,

Revu la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques, spécialement en ses articles 2, 3, 6, 8, 9, 13, 14, 15, 17 et 33;

**ADOPTE:**

**Article premier: Champ d'application de la présente loi organique**

L'article 2 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques est modifié et complété comme suit :

« La présente loi organique régit les hautes autorités et les autorités de rang supérieur visées à son article 2, aux points 2° et 3° de l'alinéa premier».

**Article 2 : Définitions des termes**

L'article 3 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques est modifié et complété comme suit:

« Aux fins de la présente loi organique, les termes repris ci-dessous ont des significations suivantes:

**1. autorité** : tout employé de l'Etat œuvrant dans le Législatif, l'Exécutif

Nyubahirizategeko cyangwa mu Bucamanza n'izindi nzego zizishamikiyeho, ushinzwe ku rwego rw'umurimo kuyobora abandi no gufata ibyemezo bigira ingaruka ku rwego rw'Igihugu, urwa serivisi, urw'ikigo cyangwa ku mirimo ashinzwe;

2° **Abayobozi b'Ikirenga:** Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe;

3° **Abayobozi Bakuru:** abagize Guverinoma, abagize Inteko Ishinga Amategeko, Abacamanza mu Rukiko rw'Ikirenga n'abandi bashyirwaho n'Iteka rya Perezida n'abandi bayobozi bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe kugeza ku Muyobozi Mukuru n'abandi bakozi bari ku rwego rumwe n'Umuyobozi Mukuru;

4° **ubucuruzi:** umurimo wose uteganywa n'amategeko agenga ubucuruzi mu Rwanda;

5° **umucuruzi:** umuntu ukora igikorwa cy'ubucuruzi nk'uko biteganywa n'amategeko kandi yanditse mu gitabo cy'ubucuruzi;

6° **umutungo**: amafaranga, ibikoresho, ibihangano cyangwa ikindi kintu gifite agaciro cyaba icyimukanwa cyangwa

Executive or in the Judiciary and other related institutions who is in charge of managing other employees and taking decisions affecting the State, department, institution or duties he/she is in charge of;

2° **High ranking leaders**: President of the Republic, President of the Senate, Speaker of the Chamber of Deputies, President of the Supreme Court and the Prime Minister;

3° **Senior officials:** members of the cabinet, members of Parliament, Judges of the Supreme Court and other officials appointed by a Presidential Order and other officials appointed by a Prime Minister's Order to the Director General and those falling under the same level as the Director General;

4° **commerce:** any activity provided for in the Law on trade in Rwanda;

5° **trader:** a person who carries out any commercial activity as provided for by relevant laws and registered in the commercial register;

6° **property:** money, equipment, artistic works or any other valuable movable or immovable item;

ou le Judiciaire et dans les autres institutions y rattachées chargé dans le cadre de ses fonctions, de diriger les autres et de prendre des décisions affectant l'Etat, le service, l'institution ou les fonctions lui assignées;

2° **Hautes Autorités** : Président de la République, Président du Sénat, Président de la Chambre des Députés, Président de la Cour Suprême et le Premier Ministre;

3° **Autorité de rang supérieur** : membres du Gouvernement, membres du Parlement, juges de la Cour Suprême et d'autres autorités nommées par arrêté présidentiel ainsi que d'autres autorités nommées par arrêté du premier Ministre jusqu'au Directeur Général et à celles du même rang que le Directeur Général;

4° **activités commerciales** : toute activité prévue par la loi régissant le commerce au Rwanda ;

5° **commerçant** : toute personne exerçant une activité commerciale telle que prévue par les lois y relatives et enregistrée au registre de commerce ;

6° **biens** : argent, équipement, œuvres artistiques ou tout autre bien de valeur, meuble ou immeuble ;

ikitimukanwa;

7° **urwego rwa Leta**: urwego rw'umurimo urwo ari rwo rwose rwo mu butegetsi bwite bwa Leta bwaba Nshingamategeko, Nyubahirizategeko cyangwa ubw'Ubucamanza cyangwa urwo Leta ifitemo imigabane;

1° **gushyira inyungu z'amahanga imbere y'iz'u Rwanda:** gushyigikira mu nyandiko, mu mvugo cyangwa mu bikorwa ibindi bihugu cyangwa imiryango y'amahanga mu buryo bubangamira inyungu z'u Rwanda, cyangwa se kwirengagiza ku bushake ibyemezo byafashwe na Leta y'u Rwanda».

**Ingingo ya 3: Imyitwarire myiza y'umuyobozi**

Ingingo ya 6 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

« Umuyobozi agomba kurangwa n'imyitwarire myiza ikurikira:

1° gukunda Igihugu;

2° guteza imbere no kubaha uburenganzira bwa muntu;

3° gukorera mu mucyo, kwemera kubazwa no kugaragaza ibyo akora;

7° **public body**; any organ of service, in the public administration whether Legislative, Executive, Judiciary or one in which the State has shares;

8° **Prioritizing interests of foreign countries to the detriment of those of Rwanda:** supporting any foreign country or foreign organization by virtue of writing or verbal statement or by conduct, and deliberately ignoring decisions taken by the Rwandan Government in a manner that is detrimental to the interests of Rwanda".

**Article 3: Good conduct of a leader**

Article 6 of Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct is modified and complemented as follows:

"A leader must demonstrate the following conduct:

1° patriotism;

2° promotion and respect of human rights;

3° transparency and accountability;

7° **institution publique** : organe de service de l'administration publique qu'il soit Législatif, Exécutif ou Judiciaire ou l'organe parastatal ;

8° **privilégier les intérêts des pays étrangers au détriment de ceux du Rwanda :** soutenir par écrit, paroles, actes, les autres pays ou organismes internationaux de façon à compromettre les intérêts du Rwanda ou ignorer délibérément les orientations et les décisions prises par la République du Rwanda ».

**Article 3: Bonne conduite pour une autorité**

L'article 6 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques est modifié et complété comme suit:

«Toute autorité doit observer les principes suivants :

1° patriotisme ;

2° promouvoir et respecter les droits de la personne humaine ;

3° travailler dans la transparence et accepter de rendre des comptes ;

4° kujya inama n'abo bakorana ndetse no gushyira mu rwego ayobora uburyo bunoze bw'imikorere n'imikoranire;

5° guteza imbere imitangire ya serivisi nziza no gushyiraho uburyo bwo kuzinoza;

6° guharanira ubumwe mu Gihugu no kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside».

**Ingingo ya 4: Ibyo umuyobozi abujijwe**

Ingingo ya 8 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Umuyobozi wese, mu mirimo ye ya buri munsi, abujijwe gushingira ku isanomuzi, ku bwoko, ku muryango, ku nzu, ku gisekuru, ku karere, ku gitsina, ku idini cyangwa ku kindi kintu cyose cyatuma habaho ivangura cyangwa amacakubiri.

Mu mirimo ye ya buri munsi, mu byo umuyobozi abujijwe ku buryo bw'umwihariko harimo ibi bikurikira:

1° kwambura abo afitiye imyenda yafashe hakurikijwe amategeko

4° consultation with collaborators and having the capacity to put in place an efficient working and collaboration system in the institution under his/her authority;

5° promotion of quality services delivery and establishment of a system for its improvement;

6° promotion of national unity and fight against genocide ideology".

**Article 4: Acts prohibited to a leader**

Article 8 of Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct is modified and complemented as follows:

"A leader while performing his/her daily duties is prohibited from engaging in acts that are based on nepotism, ethnicity, clan, family connection, region, sex, religion or any other conduct that may demonstrate occurrence of discrimination or divisionism.

While performing his/her daily activities, a leader is particularly among others prohibited from engaging in the following acts:

1° failure to clear a debt emanating from a legal obligation or contract;

4° consulter les collaborateurs et travailler en complémentarité avec eux et mettre en place un système efficace de travail et de collaboration au sein de l'institution placée sous son autorité ;

5° promouvoir la délivrance de bons services et mettre en place un système efficace de son amélioration ;

6° promouvoir l'unité nationale et lutter contre l'idéologie du génocide ».

**Article 4: Actes interdits à une autorité**

L'article 8 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques est modifié et complété comme suit :

« Il est interdit à toute autorité, dans l'exercice de ses fonctions quotidiennes, de se baser sur le népotisme, l'ethnie, le clan, la famille, l'ascendance, la région, le sexe, la religion ou tout autre critère pouvant entraîner la discrimination ou le divisionnisme.

Dans l'exercice de ses fonctions quotidiennes, il est notamment interdit à l'autorité d'une façon spéciale de se livrer aux agissements suivants:

1° refuser d'honorer ses dettes contractées conformément aux lois ou contrats;

cyangwa amasezerano;

2° gutanga ruswa cyangwa kuyakira, gukoresha igitinyiro n'ikimenyane, gutonesha, kwigwizaho umutungo mu buryo butemewe, gukora ibikorwa by'iyezandonke n'ibindi byaha bifitanye isano na ruswa;

3° gushyira inyungu z'igihugu cy'amahanga imbere y'iz'u Rwanda;

4° gukora cyangwa gushyigikira igikorwa kigamije gusebya Igihugu na Leta;

5° gukoresha nabi we ubwe cyangwa kureka uwo ayobora agakoresha nabi umutungo wa Leta cyangwa w'ikigo;

6° kwigarurira umutungo cyangwa impano igenewe urwego, ikigo cyangwa serivisi ayobora;

7° gukoresha imvugo n'ibikorwa bigamije gusebanya, gutesha umuntu agaciro, guhagarika cyangwa gukura abakozi ku kazi mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa kubaburabuza ku bundi buryo;

8° kumena ibanga ry'umurimo ashinzwe cyangwa yari ashinzwe;

2° offering or receiving a bribe, using influence and nepotism, favoritism, illicit enrichment, money laundering and other corruption-related offences;

3° prioritizing interests of foreign countries to the detriment of those of Rwanda;

4° performance or supporting any act aimed at tarnishing the image of the Country and State;

5° personally misusing or willingly letting subordinates to misuse State property or that of an institution under his/her authority;

6° diversion of property or donation meant for the institution, body or department under his/her authority;

7° use of words and acts aimed at degrading, dehumanizing, suspending or dismissing employees from their job in a manner that is inconsistent with legal provisions or any other manner of harassing them;

8° disclosing secret information in respect to current or past duties;

2° donner des pots de vin ou en accepter, user de trafic d'influence et de népotisme, du favoritisme, enrichissement illicite, blanchiment de capitaux et autres infractions liées à la corruption;

3° privilégier les intérêts des pays étrangers au détriment de ceux du Rwanda;

4° poser ou soutenir un acte ayant l'objectif de ternir l'image du pays et de l'Etat;

5° abuser lui-même ou laisser un agent placé sous ses ordres, abuser du patrimoine de l'Etat ou de l'institution placée sous son autorité;

6° s'approprier le patrimoine ou les dons destinés à l'institution, l'établissement public ou au service placé sous son autorité ;

7° utiliser des propos ou des faits visant la dégradation, la déshumanisation, la suspension ou le renvoi des employés dans des conditions illégales ou les harceler d'une autre manière;

8° violer le secret professionnel des fonctions dont il est ou était chargé;

9° kugira ibikorwa cyangwa imvugo bigaragaza ko atihanganira ibitekerezo binyuranye n'ibye;

10° gukoresha igitugu n'iterabwoba;

11° kwitwaza umwanya afite ngo arenganye abandi cyangwa ngo yice amategeko;

12° gucunga nabi ibyo ashinzwe;

13° kwiyitiranya n'urwego ayobora;

14° kugira indi myifatire yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo".

**<u>Ingingo ya 5:</u> Ivanwaho ry'ingingo ya 9 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta**

Ingingo ya 9 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta ivanyweho.

**<u>Ingingo ya 6</u>: Amasezerano umuyobozi atemerewe**

Ingingo ya 13 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta ihinduwe kandi

9° acts or statements indicating that he /she does not tolerate divergent views;

10° use of dictatorial tendencies and intimidation;

11° use of his/her position to mistreat people or to breach the laws;

12° mismanagement;

13° taking himself/herself for the institution under his/her authority;

14° any conduct likely to degrade his/her integrity, or likely to jeopardize his/her position or the visibility of the institution he/she works for

**<u>Article 5</u>: Repealing of Article 9 of Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct**

Article 9 of Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct is hereby repealed.

**<u>Article 6</u>: Agreements prohibited to a leader**

Article 13 of Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct is modified and complemented as follows:

9° manifester des actes ou tenir des propos d'intolérance vis-à-vis des opinions d'autrui contraires aux siennes;

10° user de méthodes dictatoriales et d'intimidation;

11° utiliser sa position pour pratiquer l'injustice ou violer les lois;

12° mauvaise gestion-*/ `;

13° se confondre avec l'institution placée sous son autorité;

14° tout autre comportement de nature à compromettre son honneur, ou qui entache son poste ou l'image de l'institution pour laquelle il travaille».

**<u>Article 5</u>: Abrogation de l'article 9 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques**

L'article 9 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques est abrogé.

**<u>Article 6</u>: Contrats interdits à une autorité**

L'article 13 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques est modifié

yujujwe ku buryo bukurikira:

“Umuyobozi ntiyemerewe gupiganira amasoko ya Leta, haba ku giti cye cyangwa binyuze ku kigo afitemo imigabane, kereka gusa mu masosiyete afite uburyozwe bugarukira ku migabane, ku ngwate cyangwa ku migabane no ku ngwate.

Umuyobozi uhagarariye Leta mu kigo ifitemo imigabane cyangwa ushinzwe kukigenzura ntiyemerewe kugirana nacyo amasezerano ayo ari yo yose amuha uburyo burenze ubwo gisanzwe kigenera uri muri uwo mwanya.

Umuyobozi kandi ntiyemerewe kugirana amasezerano ku giti cye n’igihugu cy’amahanga cyangwa umuryango mpuzamahanga bifitanye na Leta y’u Rwanda umubano ushingiye kuri dipolomasi igihe cyose akiri umuyobozi.

Umuyobozi kandi ntiyemerewe kugirana amasezerano ku giti cye n’Igihugu cy’amahanga, umuryango mvamahanga ndetse na sosiyete mpuzamahanga mu gihe cyose bene ayo masezerano ashobora kubangamira inyungu rusange z’Igihugu ku nyungu z’Umuyobozi ku giti cye”.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Imicungire y’amasezerano asanzweho**

Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa

“A leader in his/her individual capacity or through a company in which he/she has shares, shall not engage in public tenders except only in companies limited by shares, companies limited by guarantee or those limited by both shares and guarantee.

A leader representing the Government in an institution where it has shares or who is responsible for its audit shall not be allowed to conclude with such institution any kind of agreement granting him/her more benefits than those normally allocated to a person in that position.

A leader shall not be allowed, during his/her term of office to conclude any personal contract with a foreign country or an international organization that has diplomatic relations with Rwanda.

A leader shall not be allowed to conclude any personal contract with a foreign country, a foreign agency or an international company as long as such a contract may compromise the general interests of the State for personal interests of such a leader”.

**<u>Article 7</u>: Management of existing contracts**

In the Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008

et complété comme suit :

« Il est interdit à une autorité, soit individuellement, soit à travers une société dont il est associé, de soumissionner pour les marchés publics sauf à travers les sociétés à responsabilité limitée par actions, par garantie ou par actions et garantie.

L’autorité qui représente le Gouvernement dans une entreprise où l’Etat détient des actions ou qui est chargée de l’audit n’est pas autorisée à conclure avec cette entreprise un contrat de quelque nature que ce soit lui accordant plus d’avantages que ceux qui sont normalement alloués à la personne occupant ce même poste.

Il est également interdit à une autorité en exercice de signer un contrat individuel avec un pays étranger ou une organisation internationale ayant des relations diplomatiques avec l’Etat Rwandais.

Il est également interdit à une autorité de signer un contrat individuel avec un pays étranger, une organisation étrangère ou une société internationale s’il y a risque qu’un tel contrat compromettrait les intérêts de l’Etat au profit de ses propres intérêts».

**<u>Article 7</u>: Gestion des contrats existants**

A la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008

10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta ryongewemo ingingo ya 13 bis iteye ku buryo bukurikira:

« **Ingingo ya 13 bis: Imicungire y'amasezerano asanzweho**

Umuntu ugizwe umuyobozi asanzwe afite amasezerano avugwa mu ngingo ya 13 y'iri tegeko, abimenyesha mu nyandiko Urwego rw'Umuvunyi mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) atangiye imirimo.

Umuyobozi usanzwe mu mwanya ufite amasezerano avugwa mu gika cya mbere (1), icya gatatu (3) n'icya kane (4) by'ingingo ya 13 y'iri tegeko ngenga, abimenyesha mu nyandiko Urwego rw'Umuvunyi mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) iri tegeko ngenga ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Amasezerano avugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri (2) by'iyi ngingo, agomba kuba yamaze guseswa mu gihe kitarenze umwaka atangiye imirimo ku muyobozi ugishyirwa muri uwo mwanya cyangwa iri tegeko ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda ku muyobozi usanzwe mu mwanya.

Icyakora iyo amasezerano yasinywe afite igihe kirenze umwaka umwe (1) cyangwa haratanzwe ubwishyu bw'igihe kirenze umwaka ku masezerano adafite igihe azamara

on the leadership code of conduct, it is inserted an Article 13 bis worded as follows:

"**Article 13 bis: Management of existing contracts**

A person who is appointed as a leader while he/she has an existing contract referred to under article 13 of this Organic Law shall notify in writing the Office of Ombudsman within a period of thirty (30) days from the date of assuming his/her office.

An incumbent leader who has an existing contract referred to in Paragraphs One, 3 and 4 of Article 13 of this Organic Law shall notify in writing the Office of Ombudsman within a period of thirty (30) days from the date of publication of this Organic Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

The contract referred to in Paragraphs One and 2 of this Article shall be terminated within a period not exceeding one (1) year from the date the leader starts to assume his/her office or from the date of publication of this Organic Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda for a leader who is already in office.

However, if the signed contract is for a period exceeding one (1) year or when the payment covering more than one (1) year was made for an open-ended contract, the Office of the

portant code de conduite des autorités des institutions publiques est inseré un article 13 bis libellé comme suit:

« **Article 13 bis: Gestion des contrats existants**

Une personne nommée autorité alors qu'elle a un contrat individuel dont il est fait référence à l'article 13 de la présente loi organique, doit notifier par écrit à l'Office de l'Ombudsman endéans trente (30) jours à dater de son entrée en fonction.

Une autorité déjà en fonction et titulaire d'un contrat individuel dont il est référence aux alinéas premier, 3 et 4 de l'article 13 de la présente loi organique, doit le notifier par écrit à l'Office de l'Ombudsman endéans trente (30) jours à dater de la publication de la présente loi organique au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Le contrat dont il est fait référence aux alinéas premier et 2 du présent article doit être résilié endéans un (1) an à dater de l'entrée en fonction de l'autorité qui commence les fonctions ou de la publication de la présente loi organique au Journal Officiel de la République du Rwanda pour le cas d'une autorité déjà en fonction.

Cependant, lorsque le contrat signé est pour une durée de plus d'un (1) an ou si un paiement couvrant une période de plus d'un (1) an a été effectué pour un contrat à durée

giteganyijwe, Urwego rw'Umuvunyi rurayasuzuma rukayafataho icyemezo.

Iteka rya Perezida rigena imirongo ngenderwaho ikurikizwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibiteganywa n'iyi ngingo".

**<u>Ingingo ya 8</u>: Imirimo ibujijwe Umuyobozi**

Ingingo ya 14 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Umuyobozi urebwa n'iri tegeko ngenga abujijwe gukora ibikorwa by'ubucuruzi.

Icyakora, yemerewe kugira imigabane mu masosiyete afite uburyozwe bugarukira ku migabane, ku ngwate cyangwa ku migabane no ku ngwate.

Umuyobozi urebwa n'iri tegeko ngenga abujijwe kujya mu myanya y'ubuyobozi bw'ayo masosiyete.

Uwashakanye n'umuyobozi urebwa n'iri tegeko ngenga yemerewe gukora imirimo y'ubucuruzi. Icyakora, abujijwe gupiganira amasoko y'Ikigo cya Leta kiyobowe n'uwo bashakanye, umubyeyi we cyangwa umwana we.

Ombudsman shall review the contract and make a relevant decision.

A Presidential Order shall determine the guidelines for implementing the provisions of this Article".

**<u>Article 8</u>: Prohibited activities to a leader**

Article 14 of this Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct is modified and complemented as follows:

"A Leader governed by this Organic Law is prohibited from engaging in commercial activities.

However, he/she is allowed to hold shares in companies limited by shares, companies limited by guarantee or those limited by both shares and guarantee.

A Leader governed by this organic law is prohibited from involving in the management of such companies.

A spouse of a leader governed by this Organic Law is allowed to engage in commercial activities. However, he/she shall not bid in public tenders of the institution under the authority of his/her spouse, his/her parents or his/her child.

indéterminée, l'Office de l'Ombudsman examine le contrat et prend une décision appropriée.

Un arrêté présidentiel détermine les lignes directrices pour l'application des dispositions du présent article ».

**<u>Article 8</u>: Activités interdites à une autorité**

L'article 14 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques est modifié et complété comme suit :

« Il est interdit à l'autorité visée par la présente loi organique d'exercer des activités commerciales.

Cependant, elle peut détenir des actions dans des sociétés à responsabilité limitée par actions, par garantie ou par actions et par garantie.

Il est interdit à l'autorité visée par la présente loi organique d'occuper des postes de direction dans ces sociétés.

Le conjoint d'une autorité visée par la présente loi organique est autorisé à exercer des activités commerciales. Cependant, il lui est interdit de soumissionner aux marchés publics dans une institution qui est sous l'autorité de son conjoint, son parent ou son enfant.

Icyakora, iyo nta kindi kigo gishobora gutanga serivisi ikenewe, uwashakanye n'umuyobozi w'ikigo cya Leta, umwana we cyangwa umubyeyi we apiganirwa isoko muri icyo kigo, ikigo kibanza kubisabira uburenganzira mu Kigo cy'Igihugu gifite amasoko ya Leta mu nshingano zacyo".

**<u>Ingingo ya 9</u> : Ivanwaho ry'ingingo ya 15 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta**

Ingingo ya 15 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta ivanyweho.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Indi mirimo itabangikanywa n'imirimo y'Ubuyobozi**

Ingingo ya 17 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

« Umuyobozi urebwa n'iri tegeko ngenga yemerewe kuba umunyamuryango w'umuryango utari uwa Leta. Icyakora, ntiyemerewe kuyobora umuryango utari uwa Leta keretse igihe uwo muryango ugizwe gusa n'abayobozi barebwa n'iri tegeko ngenga cyangwa se ari umwihariko wabo n'ubwo hakwiyongeramo abandi bantu batarebwa n'iri tegeko ngenga».

However, in case the required service cannot be provided by any other institution, the spouse or the child or the parent of the leader of a public institution may bid in this institution, but the latter shall seek for the prior authorization from the national institution in charge of public procurement".

**<u>Article 9</u>: Repealing of Article 15 of Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct**

Article 15 of Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct is hereby repealed.

**<u>Article 10</u>: Other incompatibilities with the duties of a leader**

Article 17 of the Organic Law nº 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct is modified and complemented as follows:

"A Leader governed by this Organic Law shall be allowed to be a member of a non-governmental organization. However, he/she shall not be authorised to head a non-governmental organization, except where such an organization is exclusively comprised of leaders governed by this Organic Law or an organization primarily composed of leaders irrespective of other persons not subject to this Law who may join ".

Toutefois, si aucune autre institution ne peut offrir le service recherché, le conjoint ou l'enfant ou le parent de l'autorité de l'institution peut soumissionner dans cette institution, mais celle-ci doit préalablement requérir l'accord de l'institution nationale ayant des marchés publics dans ses attributions ».

**<u>Article 9</u>: Abrogation de l'article 15 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques**

L'article 15 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques est abrogé.

**<u>Article 10</u> : Autres incompatibilités avec les fonctions d'autorité**

L'article 17 de la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques est modifié et complété comme suit :

« Une autorité visée par la présente loi organique peut être membre d'une organisation non-gouvernementale. Cependant, il est interdit à l'autorité visée par la présente loi organique de diriger une organisation non-gouvernementale à moins que cette organisation non-gouvernementale ne soit exclusivement composée d'autorités visées par la présente loi organique ou essentiellement composées de ces autorités même si d'autres

personnes pourraient s'associent à elles».

**<u>Ingingo ya 11:</u> Ivanwaho ry'ingingo ya 33 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta**

Ingingo ya 33 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta ivanyweho.

**<u>Ingingo ya 12:</u> Itegurwa, isuzuma n'itorwa by'iri tegeko ngenga**

Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 14</u>: Igihe itegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **11/09/2013**

**Ingingo ya 3: Igisobanuro n'ibigize icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside**

**UMUTWE WA III: IBYAHA BIFITANYE ISANO N'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE**

**Ingingo ya 4: Gushishikariza undi gukora jenoside**

**Ingingo ya 5: Guhakana jenoside**

**Ingingo ya 6: Gupfobya jenoside**

**Ingingo ya 7: Guha ishingiro jenoside**

**LAW N° 84/2013 OF 11/09/2013 ON THE CRIME OF GENOCIDE IDEOLOGY AND OTHER RELATED OFFENCES**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions of terms**

**CHAPTER II: CRIME OF GENOCIDE IDEOLOGY**

**Article 3: Definition and acts constituting the crime of genocide ideology**

**CHAPTER III: GENOCIDE IDEOLOGY-RELATED OFFENCES**

**Article 4: Incitement to commit genocide**

**Article 5: Negation of genocide**

**Article 6: Minimization of genocide**

**Article 7: Justifying genocide**

**LOI Nº 84/2013 DU 11/09/2013 RELATIVE AU CRIME D'IDEOLOGIE DU GENOCIDE ET AUTRES INFRACTIONS CONNEXES**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions des termes**

**CHAPITRE II : CRIME D'IDEOLOGIE DU GENOCIDE**

**Article 3: Définition et actes constitutifs du crime d'idéologie du génocide**

**CHAPITRE III : INFRACTIONS CONNEXES A L'IDEOLOGIE DU GENOCIDE**

**Article 4: Incitation à commettre le génocide**

**Article 5: Négationnisme du génocide**

**Article 6 : Minimisation du génocide**

**Article 7: Justification du génocide**

**Ingingo ya 8: Guhisha cyangwa kwangiza ibimenyetso bya jenoside cyangwa by'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu**

**Ingingo ya 9: Kwiba cyangwa kwangiza imibiri y'abazize jenoside**

**Ingingo ya 10: Gusenya urwibutso cyangwa irimbi ry'abazize jenoside**

**Ingingo ya 11: Guhohotera uwacitse ku icumu rya jenoside**

**UMUTWE WA IV: IHANWA RY'ICYAHA CY'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE N'IBINDI BYAHA BIFITANYE ISANO NAYO**

**Ingingo ya 12: Ikurikizwa ry'amahame rusange n'ibihano biteganywa n'Itegeko Ngenga rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana**

**UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 13: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

**Ingingo ya 14: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 15: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**Article 8: Concealment or destruction of evidence of genocide or of other crimes against humanity**

**Article 9: Stealing or destroying remains of victims of genocide**

**Article 10: Demolishing a memorial site or cemetery for the victims of genocide**

**Article 11: Violence against a genocide survivor**

**CHAPTER IV: PUNISHMENT OF THE CRIME OF GENOCIDE IDEOLOGY AND OTHER RELATED OFFENCES**

**Article 12: Application of the general principles and penalties provided for under the Organic Law instituting the Penal Code**

**CHAPTER V: FINAL PROVISIONS**

**Article 13: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 14: Repealing provision**

**Article 15: Commencement**

**Article 8 : Dissimulation et altération des preuves du génocide ou d'autres crimes contre l'humanité**

**Article 9: Vol ou destruction de corps des victimes du génocide**

**Article 10: Démolition d'un site mémorial ou d'un cimetière des victimes du génocide**

**Article 11: Violence contre un rescapé du génocide**

**CHAPITRE IV: REPRESSION DU CRIME D'IDEOLOGIE DU GENOCIDE ET D'AUTRES INFRACTIONS CONNEXES**

**Article 12: Application des principes généraux et peines prévus par la Loi Organique portant Code Pénal**

**CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 13: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 14 : Disposition abrogatoire**

**Article 15: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N° 84/2013 RYO KUWA 11/09/2013 RYEREKEYE ICYAHA CY'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE N'IBINDI BYAHA BIFITANYE ISANO NA YO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 13 Kanama 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 09 Kanama 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 9, iya 13, iya 20, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo kuwa 09/12/1948 yerekeye gukumira no guhana icyaha cya jenoside nk'uko yemejwe n'Itegeko-teka n° 08/75 ryo kuwa 12/02/1975 n'Iteka rya Perezida n° 48/01

**LAW N° 84/2013 OF 11/09/2013 ON THE CRIME OF GENOCIDE IDEOLOGY AND OTHER RELATED OFFENCES**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 13 August 2013;

The Senate, in its session of 09 August 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 9, 13, 20, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108 and 201;

Pursuant to the United Nations Convention on the Prevention and Punishment of the crime of Genocide of 09/12/1948, as ratified by the Decree Law n° 08/75 of 12/02/1975 and Presidential Order n° 48/01 of 05/09/2008 lifting the

**LOI Nº 84/2013 DU 11/09/2013 RELATIVE AU CRIME D'IDEOLOGIE DU GENOCIDE ET AUTRES INFRACTIONS CONNEXES**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 13 août 2013;

Le Sénat, en sa séance du 09 août 2013 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 9,13, 20, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108 et 201;

Vu la Convention des Nations Unies pour la prévention et la répression du crime de génocide du 09/12/1948, telle que ratifiée par le Décret-loi n° 08/75 du 12/02/1975 et l'Arrêté Présidentiel n° 48/01 du 05/09/2008 portant

ryo kuwa 05/09/2008 rivanaho ukwifata kwa Repubulika y'u Rwanda ku ngingo ya 9;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Guca Burundu Ikandamizabwoko iryo ari ryo ryose, yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye, kuwa 21/12/1965, nk'uko yemejwe n'Itegeko-teka n°08/75 ryo kuwa 12/02/1975 n'Iteka rya Perezida n° 49/01 ryo kuwa 05/09/2008 rivanaho ukwifata kwa Repubulika y'u Rwanda ku ngingo ya 22;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki yo kuwa 16/12/1966 nk'uko yemejwe n'Itegeko-teka n° 8/75 ryo kuwa 12/02/1975;

Ishingiye ku Masezerano Nyafurika yo kuwa 27/06/1981 yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage yashyiriweho umukono Addis-Abeba kuwa 11/11/1981, nk'uko yemejwe n'Itegeko n° 10/1983 ryo kuwa 17/05/1983;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 116, iya 117, iya 118, iya 119 n'iya 135;

Isubiye ku Itegeko n° 18/2008 ryo kuwa 23/07/2008 rihana icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside;

reservation of the Republic of Rwanda on Article 9;

Pursuant to the International Convention on the Elimination of All Forms of Racial Discrimination adopted by the General Assembly of the United Nations on 21/12/1965, as ratified by Decree Law n° 08/75 of 12/12/1975 and Presidential Order n° 49/01 of 05/09/2008 lifting the reservation of the Republic of Rwanda on Article 22;

Pursuant to the International Covenant on Civil and Political Rights of 19/12/1966 as ratified by Decree-Law n° 8/75 of 12/02/1975;

Pursuant to the African Charter on Human and Peoples Rights of 27/06/1981 signed on 11/11/1981 in Addis Ababa, as ratified by Law n° 10/1983 of 17/05/1983;

Pursuant to Organic Law n° 01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the Penal Code, especially in Articles 116, 117, 118, 119 and 135;

Having reviewed Law n° 18/2008 of 23/07/2008 relating to the punishment of the crime of genocide ideology;

levée de la réserve de la République du Rwanda à l'article 9;

Vu la Convention internationale sur l'élimination de toutes les formes de discrimination raciale adoptée par l'Assemblée Générale des Nations Unies le 21/12/1965, telle que ratifiée par le Décret-loi n° 08/75 du 12/02/1975 et l'Arrêté Présidentiel n° 49/01 du 05/09/2008 portant levée de la réserve de la République du Rwanda à l'article 22;

Vu le Pacte International relatif aux Droits Civils et Politiques du 19/12/1966 tel que ratifié par le Décret-loi n° 8/75 du 12/02/1975;

Vu la Charte Africaine relative aux Droits de l'Homme et des Peuples du 27/06/1981 signée à Addis-Abeba le 11/11/1981, telle que ratifiée par la Loi n° 10/1983 du 17/05/1983;

Vu la Loi Organique n° 01/2012/OL du 02/05/2012 portant Code Pénal, spécialement en ses articles 116, 117, 118, 119 et 135;

Revu la Loi n 18/2008 du 23/07/2008 portant répression du crime d'idéologie du génocide;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigamije gusobanura icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano na yo.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **Jenoside yemewe n'Umuryango w'Abibumbye**: kimwe mu bikorwa bikurikira cyakozwe hagamijwe kurimbura abantu bose cyangwa bamwe muri bo, bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko, ku ibara ry'uruhu cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo, haba mu bihe bisanzwe cyangwa mu bihe by'intambara:

a. Kwica abantu bagize icyo gice;

b. gutera ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe abantu bagize icyo gice;

c. gushyira ubigambiriye abantu bagize icyo gice mu mibereho ishobora gutuma barimbuka bose cyangwa harimbuka igice cyabo ;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

The purpose of this Law is to define the crime of genocide ideology and related offences.

**Article 2: Definitions of terms**

As used in this Law, the following terms shall have the following meaning:

1° **genocide recognized by the United Nations:** any of the following acts committed with intent to destroy, in whole or in part, a national, ethnic, racial or religious group as such, whether in time of peace or in time of war:

a. killing members of the group;

b. causing serious bodily or mental harm to members of the group;

c. deliberately inflicting on the group, in whole or in part, conditions of life calculated to bring about physical destruction;

**ADOPTE :**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi a pour objet de définir le crime d'idéologie du génocide et les autres infractions connexes.

**Article 2: Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1° **génocide reconnu par les Nations Unies** : l'un quelconque des actes ci-après, commis dans l'intention de détruire, en tout ou en partie, un groupe national, ethnique, racial ou religieux comme tel, que ce soit en temps de paix ou en temps de guerre :

a. meurtre de membres du groupe ;

b. atteinte grave à l'intégrité physique ou mentale de membres du groupe ;

c. soumission intentionnelle du groupe à des conditions d'existence devant entraîner sa destruction physique totale ou partielle;

d. gufata ibyemezo bibuza abantu bagize icyo gice kubyara;

e. kwambura ku ngufu abantu bagize icyo gice urubyaro rwabo ukaruha abantu b'ikindi gice;

2° **Jenoside yakorewe Abatutsi:** jenoside yakozwe mu Rwanda ku bwoko bw'Abatutsi kuva ku itariki ya 1 Ukwakira 1990 kugeza kuwa 31 Ukuboza 1994;

3° **Jenoside**: Jenoside yakorewe Abatutsi cyangwa indi jenoside yose yemewe n'Umuryango w'Abibumbye;

4° **mu ruhame:** ahantu hakorewe ibikorwa cyangwa havugiwe amagambo hari, habonwa cyangwa hagerwa nibura n'abantu barenze babiri (2);

5° **ku bushake:** ku buryo bugambiriwe kandi bugamije kwimakaza ingengabitekerezo ya Jenoside.

**UMUTWE WA II: ICYAHA CY'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE**

**Ingingo ya 3: Igisobanuro n'ibigize icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside**

Ingengabitekerezo ya jenoside ni igikorwa gikozwe ku bushake kibereye mu ruhame byaba mu magambo, mu nyandiko, mu mashusho

d. imposing measures intended to prevent births within the group;

e. forcibly transferring children from the group to another group;

2° **Genocide committed against the Tutsi:** the Genocide committed in Rwanda against the Tutsi from 1st October 1990 to 31 December 1994;

3° **Genocide**: Genocide committed against the Tutsi or any other genocide recognized by the United Nations;

4° **in public**: a site in which acts are performed or words are uttered in the presence of or in a place accessible by at least more than two (2) person;

5° **deliberate**: willingly and with an intent to promote genocide ideology.

**CHAPTER II: CRIME OF GENOCIDE IDEOLOGY**

**Article 3: Definition and acts constituting the crime of genocide ideology**

Genocide ideology shall be any deliberate act, committed in public whether orally, written or video means or by any other means which may

d. mesures visant à entraver les naissances au sein du groupe;

e. transfert forcé d'enfants du groupe à un autre groupe;

2° **Génocide perpétré contre les Tutsi :** le génocide commis au Rwanda contre les Tutsi à partir du 1er octobre 1990 jusqu'au 31 décembre 1994;

3° **Génocide** : le Génocide perpétré contre les Tutsi ou tout autre génocide reconnu par les Nations Unies;

4° **en public** : un lieu où des actes sont posés ou des propos sont tenus en présence ou dans un lieu accessible par plus de deux (2) personnes au moins;

5° **intentionnel** : volontairement et avec l'intention de promouvoir l'idéologie du génocide.

**CHAPITRE II : CRIME D'IDEOLOGIE DU GENOCIDE**

**Article 3: Définition et actes constitutifs du crime d'idéologie du génocide**

L'idéologie du génocide est un acte intentionnel, posé en public, soit par voie orale, écrite ou par vidéo ou tout autre moyen mettant en évidence

cyangwa ku bundi buryo cyatuma umuntu agaragaraho imitekerereze ishingiye ku moko, idini, ubwenegihugu cyangwa ibara ry'uruhu hagamijwe:

1° kwimakaza ikorwa rya jenoside;

2° gushyigikira jenoside.

Umuntu wese, ukora igikorwa kivugwa mu gika kibanziriza iki, aba akoze icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside.

**<u>UMUTWE WA III</u>: IBYAHA BIFITANYE ISANO N'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE**

**<u>Ingingo ya 4</u>: Gushishikariza undi gukora jenoside**

Gushishikariza undi gukora jenoside ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikozwe mu ruhame kigamije guhamagarira, koshya, gukangurira cyangwa guhatira undi muntu gukora jenoside.

Umuntu wese, ukora igikorwa kivugwa mu gika kibanziriza iki, aba akoze icyaha cyo gushishikariza undi gukora jenoside.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Guhakana jenoside**

Guhakana jenoside ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikozwe ku bushake kandi mu ruhame kigamije:

1° kuvuga cyangwa kugaragaza ko jenoside atari jenoside;

show that a person is characterized by ethnic, religious, nationality or racial-based with the aim to:

1° advocate for the commission of genocide;

2° support the genocide.

Any person who commits an act provided for by the preceding paragraph commits the crime of genocide ideology.

**<u>CHAPTER III</u>: GENOCIDE IDEOLOGY-RELATED OFFENCES**

**<u>Article 4</u>: Incitement to commit genocide**

Incitement to commit genocide shall be any act committed in public with the intent to encourage, influence, induce or coerce another person to commit genocide.

Any person who commits an act provided for by the preceding paragraph commits an offence of incitement to commit genocide.

**<u>Article 5</u>: Negation of genocide**

Negation of genocide shall be any deliberate act, committed in public aiming at:

1° stating or explaining that genocide is not genocide;

qu'une personne est caractérisée par des pensées basées sur l'ethnie, la religion, la nationalité ou la race et visant à:

1° préconiser la commission du génocide ;

2° soutenir le génocide.

Quiconque commet un acte prévu à l'alinéa précédent, commet le crime d'idéologie du génocide.

**<u>CHAPITRE III</u> : INFRACTIONS CONNEXES A L'IDEOLOGIE DU GENOCIDE**

**<u>Article 4</u>: Incitation à commettre le génocide**

L'incitation à commettre le génocide est tout acte commis en public avec l'intention d'encourager, d'influencer, de pousser ou de contraindre autrui à commettre le génocide.

Quiconque commet un acte prévu à l'alinéa précédent, commet une infraction d'incitation à commettre le génocide.

**<u>Article 5</u>: Négationnisme du génocide**

Le négationnisme du génocide est tout acte intentionnel commis en public visant à :

1° indiquer ou expliquer qu'un génocide n'en est pas un;

2° kugoreka ukuri kuri jenoside kugira ngo uyobye rubanda;

3° kwemeza ko mu Rwanda habaye jenoside ebyiri;

4° kuvuga cyangwa kugaragaza ko Jenoside yakorewe Abatutsi itateguwe.

Umuntu wese, ukora igikorwa kivugwa mu gika kibanziriza iki, aba akoze icyaha cyo guhakana jenoside.

**<u>Ingingo ya 6</u>: Gupfobya jenoside**

Gupfobya jenoside ni imyitwarire iyo ari yo yose igambiriwe kandi igaragajwe mu ruhame mu buryo ubwo ari bwo bwose, igamije:

1° kugabanya uburemere cyangwa ingaruka ya jenoside;

2° koroshya uburyo jenoside yakozwemo.

Umuntu wese, ukora igikorwa kivugwa mu gika kibanziriza iki, aba akoze icyaha cyo gupfobya jenoside.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Guha ishingiro jenoside**

Guha ishingiro jenoside ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikozwe ku bushake kandi mu ruhame kigamije:

2° deliberately misconstruing the facts about genocide for the purpose of misleading the public;

3° supporting a double genocide theory for Rwanda;

4° stating or explaining that genocide committed against the Tutsi was not planned.

Any person who commits an act provided for by the preceding paragraph commits an offence of negation of genocide.

**<u>Article 6</u>: Minimization of genocide**

Minimization of genocide shall be any deliberate act, committed in public, aiming at:

1° downplaying the gravity or consequences of genocide;

2° downplaying the methods through which genocide was committed.

Any person who commits an act provided for by the preceding paragraph commits an offence of minimization genocide.

**<u>Article 7</u>: Justifying genocide**

Justifying genocide shall be any deliberate act, committed in public, aiming at:

2° déformer la vérité sur un génocide dans le but de tromper le public;

3° affirmer qu’il y a eu un double génocide au Rwanda;

4° déclarer ou expliquer que le génocide perpétré contre les Tutsi n’a pas été planifié.

Quiconque commet un acte prévu à l’alinéa précédent, commet une infraction de négationnisme du génocide.

**<u>Article 6</u>: Minimisation du génocide**

La minimisation du génocide est tout acte intentionnel manifesté en public visant à:

1° minimiser la gravité ou les conséquences du génocide;

2° minimiser les méthodes par lesquelles le génocide a été commis.

Quiconque commet un acte prévu à l’alinéa précédent, commet une infraction de minimisation du génocide.

**<u>Article 7</u>: Justification du génocide**

La justification du génocide est tout acte intentionnel commis en public, qui vise à :

1° gushimagiza jenoside;
2° gushyigikira jenoside;
3° kwemeza ko jenoside yari ifite ishingiro.

Umuntu wese, ukora igikorwa kivugwa mu gika kibanziriza iki, aba akoze icyaha cyo guha ishingiro jenoside.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Guhisha cyangwa kwangiza ibimenyetso bya jenoside cyangwa by'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu**

Guhisha cyangwa kwangiza ibimenyetso bya jenoside cyangwa by'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikozwe ku bushake gitesha agaciro cyangwa gisibanganya ibimenyetso cyangwa amakuru byerekeye jenoside cyangwa by'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu.

Umuntu wese, ukora igikorwa kivugwa mu gika kibanziriza iki, aba akoze icyaha cyo guhisha cyangwa kwangiza ibimenyetso bya jenoside cyangwa by'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Kwiba cyangwa kwangiza imibiri y'abazize jenoside**

Kwiba imibiri y'abazize jenoside ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikozwe ku bushake kigamije gutwara bujura imibiri y'abazize jenoside.
Kwangiza imibiri y'abazize jenoside ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikozwe ku bushake kigamije gutesha agaciro imibiri y'abazize

1° glorifying genocide;
2° supporting genocide;
3° legitimizing genocide.

Any person who commits an act provided for by the preceding paragraph commits an offence of justifying genocide.

**<u>Article 8</u>: Concealment or destruction of evidence of genocide or of other crimes against humanity**

Concealment or destruction of evidence of genocide or of other crimes against humanity Shall be any deliberate act which degrades or eliminates evidence or information related to genocide or other crimes against humanity.

Any person who commits an act provided for under the preceding paragraph commits an offence of concealing or destroying evidence of genocide or of other crimes against humanity.

**<u>Article 9</u>: Theft or destruction of remains of victims of genocide**

Theft of the remains of victims of genocide shall be any deliberate act aiming at stealing remains of victims of genocide.

Destruction of the remains of victims of genocide shall be any deliberate act aiming at desecrating

1° glorifier le génocide;
2° soutenir le génocide;
3° légitimer le génocide.

Quiconque commet un acte prévu à l'alinéa précédent, commet une infraction de justification du génocide.

**<u>Article 8</u> : Dissimulation et altération des preuves du génocide ou d'autres crimes contre l'humanité**

La dissimulation ou l'altération de preuves d'un génocide ou d'autres crimes contre l'humanité est tout acte intentionnel qui dégrade ou fait disparaître les preuves ou les informations concernant le génocide ou autres crimes contre l'humanité.

Quiconque commet un acte prévu à l'alinéa précédent, commet une infraction de dissimulation et d'altération des preuves du génocide ou d'autres crimes contre l'humanité.

**<u>Article 9</u>: Vol ou destruction de corps des victimes du génocide**

Le vol de corps des victimes du génocide est tout acte intentionnel commis qui tend à voler les corps des victimes du génocide.

La destruction de corps des victimes du génocide est tout acte intentionnel commis qui tend à

jenoside.
Umuntu wese ukora igikorwa kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, aba akoze icyaha cyo kwiba imibiri y'abazize jenoside.

Umuntu wese, ukora igikorwa kivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo, aba akoze icyaha cyo kwangiza imibiri y'abazize jenoside.

**Ingingo ya 10: Gusenya urwibutso cyangwa irimbi ry'abazize jenoside**

Gusenya urwibutso cyangwa irimbi ry'abazize jenoside ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikozwe ku bushake kigamije gutesha agaciro, guhirika, kumanyura, konona irimbi cyangwa urwibutso rw'abazize jenoside, ibimenyetso by'urwibutso cyangwa by'irimbi rya jenoside cyangwa gukorera ibidakwiye ku rwibutso cyangwa ku irimbi ry'abazize jenoside.

Umuntu wese ukora kimwe mu bikorwa byavuzwe mu gika kibanziriza iki aba akoze icyaha cyo gusenya urwibutso cyangwa irimbi ry'abazize jenoside.

**Ingingo ya 11 : Guhohotera uwacitse ku icumu rya jenoside**

Guhohotera uwacitse ku icumu rya jenoside ni imyitwarire cyangwa igikorwa icyo ari cyo cyose gikozwe ku bushake, kigamije gutoteza, gutera ubwoba, gutesha agaciro, kwigamba, gushinyagurira, gutuka cyangwa kwangiza

remains of victims of genocide.
Any person who commits an act provided for in Paragraph One of this Article, commits an offence of theft of remains of victims of genocide.

Any person who commits an act provided for in Paragraph 2 of this Article, commits an offence of destruction of remains of victims of genocide.

**Article 10: Demolishing a memorial site or cemetery for the victims of genocide**

Demolishing a memorial site or cemetery for the victims of genocide shall be any deliberate act aiming at desecrating, bringing down, breaking, damaging a memorial site or cemetery for the victims of genocide, symbols of a memorial site or cemetery for the victims of genocide or committing desecration on a memorial site or cemetery for the victims of genocide.

Any person who commits one of the acts provided for in the preceding paragraph commits an offence of demolishing a memorial site or cemetery for the victims of genocide.

**Article 11: Violence against a genocide survivor**

Violence against a genocide survivor shall be a behaviour or any deliberate act that consists in harassing, intimidating, dehumanizing, ridiculing a person, boasting to his/her detriment, mocking, insulting him/her or destroying his/her property

profaner les corps des victimes du génocide.
Toute personne qui pose un acte prévu à l'alinéa premier du présent article, commet une infraction de vol de corps des victimes du génocide.

Toute personne qui pose un acte prévu à l'alinéa 2 du présent article, commet une infraction de destruction de corps des victimes du génocide.

**Article 10: Démolition d'un site mémorial ou d'un cimetière des victimes du génocide**

Démolition d'un site mémorial ou d'un cimetière des victimes du génocide est tout acte intentionnel qui tend à profaner, faire écrouler, fendre, endommager un site mémorial ou un cimetière des victimes du génocide, signes d'un site mémorial ou d'un cimetière des victimes du génocide ou à commettre une profanation d'un site mémorial ou d'un cimetière des victimes du génocide.

Toute personne qui pose l'un des actes prévus à l'alinéa précédent commet une infraction de démolition d'un site mémorial ou d'un cimetière des victimes du génocide.

**Article 11: Violence contre un rescapé du génocide**

La violence contre un rescapé du génocide est un comportement ou tout acte intentionnel qui consiste à harceler une personne, l'intimider, la déshumaniser, la ridiculiser, se vanter à ses dépens, la railler, l'insulter ou à détruire ses

umutungo w'umuntu bishingiye ko ari uwacitse ku icumu rya jenoside.

**UMUTWE WA IV: IHANWA RY'ICYAHA CY'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE N'IBINDI BYAHA BIFITANYE ISANO NA YO**

**Ingingo ya 12: Ikurikizwa ry'amahame rusange n'ibihano biteganywa n'Itegeko Ngenga rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana**

Umuntu wese ukora kimwe mu byaha bivugwa mu ngingo ya 3 kugeza kuya 11 z'iri tegeko ahanwa hakurikijwe amahame rusange n'ibihano biteganywa n'Itegeko Ngenga rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana.

Umuntu wese ukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu ngingo ya 3, iya 4, iya 7, iya 8 n'iya 11 z'iri tegeko ahanishwa ibihano biteganyijwe mu ngingo ya 135 y'Itegeko Ngenga rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana.

Umuntu wese ukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu ngingo ya 5 n'iya 6 z'iri tegeko ahanishwa ibihano biteganyijwe mu ngingo ya 116 y'Itegeko Ngenga rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana.

Umuntu wese ukora igikorwa kivugwa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 9 y'iri tegeko, ahanishwa ibihano biteganyijwe mu ngingo ya 117 y'Itegeko Ngenga rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana.

for the sole reason that he/she is a genocide survivor.

**CHAPTER IV: PUNISHMENT OF THE CRIME OF GENOCIDE IDEOLOGY AND OTHER RELATED OFFENCES**

**Article 12: Application of the general principles and penalties provided for under the Organic Law instituting the Penal Code**

Any person who commits one of the acts provided for in Articles 3 through 11 of this Law shall be punished in accordance with the general principles and penalties provided for by the Organic Law instituting the Penal Code.

Any person who commits any of the acts provided for in Articles 3,4,7,8 and 11 of this law shall be liable to penalties that are provided for in Article 135 of the Organic Law Instituting the Penal Code.

Any person who commits any of the acts provided for in articles 5 and 6 of this Law shall be liable to penalties that are provided for in Article 116 of the Organic Law Instituting the Penal Code.

Any person who commits any of the acts provided for in Paragraph One of Article 9 of this Law, shall be liable to penalties that are provided for in Article 117 of the Organic Law Instituting the Penal Code.

biens au seul motif qu'elle est rescapée du génocide.

**CHAPITRE IV: REPRESSION DU CRIME D'IDEOLOGIE DU GENOCIDE ET DES AUTRES INFRACTIONS CONNEXES**

**Article 12: Application des principes généraux et peines prévus par la Loi Organique portant Code Pénal**

Quiconque commet un des actes prévus aux articles 3 à 11 de la présente loi est puni conformément aux principes généraux et les peines prévus par la Loi Organique portant Code Pénal.

Quiconque commet l'un des actes prévus aux articles 3,4,7,8 et 11 de la présente loi, est passible des peines prévues à l'article 135 de la Loi Organique portant Code Pénal.

Quiconque commet l'un des actes visés aux articles 5 et 6 de la présente loi, est passible des peines prévues à l'article 116 de la Loi Organique portant Code Pénal.

Quiconque commet l'un des actes visés à l'alinéa premier de l'article 9 de la présente loi, est passible des peines prévues à l'article 117 de la Loi Organique portant Code Pénal.

Umuntu wese ukora igikorwa kivugwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 9 y'iri tegeko, ahanishwa ibihano biteganyijwe mu ngingo ya 118 y'Itegeko Ngenga rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana.

Umuntu wese ukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu ngingo ya 10 y'iri tegeko ahanishwa ibihano biteganyijwe mu ngingo ya 119 y'Itegeko Ngenga rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana.

**UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 13: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 14: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko nº 18/2008 ryo ku wa 23/07/2008 rihana icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 15: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Any person who commits any of the acts provided for in Paragraph 2 of Article 9 of this Law shall be liable to penalties that are provided for in Article 118 of the Organic Law Instituting the Penal Code.

Any person who commits any of the acts provided for in Article 10 of this Law shall be liable to penalties that are provided for in Article 119 of the Organic Law Instituting the Penal Code.

**CHAPTER V: FINAL PROVISIONS**

**Article 13: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 14: Repealing provision**

The Law nº 18/2008 of 23/07/2008 relating to the punishment of the crime of genocide ideology and all other prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

**Article 15: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Quiconque commet l'un des actes visés à l'alinéa 2 de l'article 9 de la présente loi, est passible des peines prévues à l'article 118 de la Loi Organique portant Code Pénal.

Quiconque commet l'un des actes visés à l'article 10 de la présente loi est passible des peines prévues à l'article 119 de la loi Organique portant Code Pénal.

**CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 13 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 14 : Disposition abrogatoire**

La Loi nº 18/2008 du 23/07/2008 portant répression du crime d'idéologie du génocide et toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 15 : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **11/09/2013**

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **11/09/2013**

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **11/09/2013**

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux